Ihame ku musaruro w'
Ingingo zifatika

"Kumenya ni ko kuzuza amazu yo muri rwo, mo ibintu byose by'igiciro cyinshi n'iby' igikundiro.

Byandistwe na rwiyemezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Mfite ingingo zifatika… ni ijambo rikomeye. Ingingo zifatika ntabwo zigomba kwirengagizwa, kuko izo ngingo zerekana uko ibintu bimeze cyangwa mw' ishusho y'ukuri. Ingingo zifatika mu magambo cyangwa imibare ni amakuru atwegereza ku kuri. Ntabwo rero twakwitegura neza tudafite byibuza zimwe mu ngingo z'ibanze. Nta muntu numwe usibye data wo mw'ijuru, uzi gusa ingingo zose zifatika. Nta muntu wigeze yubaka umuryango, ubucuruzi, cg ikigo azi ingingo zose zibukubiyemo. Gusa kandi , ni by' ingenzi ko twakusanya impamvu nyinshi zifatika mbere yo gupanga byinshi. Ibitekerezo byinshi bidafite inshingiro bizatuma dukora amakosa mu mishinga yacu ariko mu gihe twashyize hamwe ingingo zifatika, tubona akanya ko kongeraho ibintu bike. Naho izindi mpamvu zizagenda zitwihishurira, ni uko dusigarane akazi ko gukosora aho bibaye ngombwa.

Rimwe na rimwe tujya twitiranya ijambo ukuri n'ingingo zifatika. Usibye ko ingingo zifatika zo zingiye ku kuri runaka, dushobora kugira izo ngingo zifatika ariko kandi zishobora kuba zidafite ukuri kwose. Mu gihe umuntu aduhaye ingingo zimwe, tugomba kubyitondera , kuko ntabwo ayo amakuru yose aduha ukuri nyakuri cyangwa ishusho nyayo .Rimwe na rimwe umucuruzi akunda kwibanda ku ngingo zimwe gusa ku gicuruzwa kugira ngo acuruze, hanyuma tukabona ko yakabije gutaka izo ngingo yavuze ndetse hari nizitavuzwe. Muri make ukuri ni igicumbi cy' ingingo zifatika,hatibanzwe ku ngingo zimwe gusa. Bityo rero ingingo zifatika ntizigomba kwirengagizwa kuko zitwerekeza ku kuri.

Umugani uri haruguru uravuga ngo kugira ingingo zifatika nibwo buryo bwo kubaka ubucuruzi/umurimo. Ingingo zifatika zidufasha "kugera ku nyungu zihebuje." Bityo ugasanga, imibare ya buri cyumweru ifatiye runini ubucuruzi. Izi ngingo zikaba incamake z' ibintu byakozwe tuvuge nko kubyacurujwe, abakozi bishyuwe hamwe ni amafaranga yakoreshejwe mu mirimo ya kazi. Buri murimo cg urugo rugomba kumenya niba bakora neza cyangwa nabi, hamwe ni terambere bagezeho. Amakuru mabi ashobora kubyara amakuru meza kuko aduha akanya ko kwisora aho bitagenda neza. Izi ngingo rero, zaba inziza cyangwa mbi, zigomba kutwiyereka buri gihe maze ziduhate guhinduka nuko dukosore amafuti yacu. Mu gihe tudafite izo ngingo rero dushobora kuba tubyina tuvamo tutabizi maze bikabura igaruriro.

Muri iki gihe isi ni ubukungu bwayo birahinduka, kwirengagiza ingingo nk' iyi maze ukinangira kwikosora bizana akaga. Leta zunze ubumwe za basoviyete barabyirengagije maze ubumwe bwarangaga ibihugu byabo burasenyuka. Ibihugu bindi nubu birirengagiza izi ngingo zifatika. Umwenda uremereye w' ibihugu, ubukungu byayobowe nabi hamwe ni indanga gaciro zononekaye ni ingingo zidashobora gutambuka nta buryoze/ igihano. Zimwe muri izi ngingo zakabaye zararebewe izuba mu myaka mirongo itatu yahise. Amafuti ntazira icyarimwe; ahubwo araroka bitewe no kwirengagiza ingingo zifatika buhoro buhoro. Hari ibintu bitatu bihora bituzanira akaga:

1. Uburangare.

2. Kutita ku ngingo zifatika ziba ziboneka.

3. Umutima winangira utifuza no guhinduka.

Zirikana ko wahanganye n'ingingo zifatika. Zibereyeho kugufasha, ntabwo ari ukukubabaza .Ntuzabe nka wa mugabo wavuze ngo, " ntabwo nakwisubiraho, rero wintesha umutwe umbwira izo ingingo zifatika."

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy'umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibabazo byo kwibazaho:

Kuba ingingo zifatika zirengagijwe ntabwo bizibuza kubaho.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	K	G	K	G	G	C			

Completed ☐ Not completed ☐